## S. G

Dj 0.18/6

Ubundi twari dukwiye
kubashakira igikombe
n'imipira ariko twebwe
ntabyo dufite.
Ariko ko bafunguye
iyi championnat hamwe
na Dir. ya Jeunesse
ndasaba babatera inkunga
n' mipira nibura kuko
banayifite.

Merci — RP

1. Umukino w' Igikombe uzoba tariki ya 22-11-97, uzobera kuri Stade Régional Nyamirambo.
2. Mijesco-fop izobahe igikombe

3. Ubundi ba Encajesco-fop bakorera Direction ya Jeunesse kandi ndakeka ba fite imipira ubwo Mijesco-fop yaboha imipira 12 ntuko bayiboye
4. Abayobozi bakuru bagomba kujja mu mukino w' Igikombe

19/11/97 Sport Cul.

Urgent
Sport civil
Voir instructions du S. G. et faire un rapport.

REPUBULIKA Y'U RWANDA
PEREFEGITURA Y'UMUJYI
WA KIGALI
ISHAMI RY'URUBYIRUKO,
UMUCO, SIPORO NO
KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

Kigali, kuwa 11/11/1997

A traiter par ..........
Date entrée : 13/11/97
N° Classement : 2654/21

Bwana Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo,
Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse
KIGALI

Nyakubahwa Minisitiri,

Mbandikiye iyi baruwa ngirango mbamenyeshe ko irushanwa ry'umupira w'amaguru rihuza urubyiruko rukora imirimo inyuranye hano mu Mujyi wa KIGALI ryatangiye taliki ya 20/08/97, rigeze ku mukino waryo wa nyuma. Uwo mukino uzahuza ikipe KORA F.C ( y'urubyiruko rukora imirimo inyuranye mu GAKINJIRO ) n'ikipe BIASHARA F.C ( y'abacuruza ibintu binyuranye mu isoko rya NYABUGOGO ). Hashize hafi amezi atatu urwo rubyiruko rukina umukino umwe buri cyumweru.
Iyo mikino yabereye ku bibuga binyuranye buri wa kabiri, wa gatatu, wa kane no kuwa gatanu hano mu Mujyi wa KIGALI, usibye iyo muri 1/4, 1/2 yabereye kuri Stade Régional i NYAMIRAMBO.

Nyakubahwa Minisitiri, niyo mpamvu mbasaba kuzaza kudushyigikira ku munsi wo gusoza iryo rushanwa. Ndabasaba na none kudutera inkunga yo kuzahemba amakipe ane ya mbere. Iyo nkunga dusaba ni igikombe cy'ikipe izaba iya mbere n'imipira 12 tuzagabanya gutya :
Ikipe ya mbere = IGIKOMBE + IMIPIRA 2.
Ikipe ya kabiri : Imipira 4
Ikipe ya 3 n'iya 4 = Imipira 3.

Mu gihe ngitegereje igisubizo cyanyu cyiza mbaye mbashimiye Nyakubahwa Bwana Minisitiri, Mugire amahoro.

Umuyobozi w'Urubyiruko, Siporo, Umuco
no Kwigisha Imyuga Iciriritse muri P.V.K
MUNYARUSISIRO Norbert

REPUBLIQUE RWANDAISE
DEPARTEMENT PREFECTORAL DE KIGALI VILLE
MIJEUMA